



AMABWIRIZA AGENGA ITUNGANYWA RY'IBIRIBWA N' IBINYOBWA GAKONDO BIKOZWE MU BINYAMPEKE, IBITOKI N'IMBUTO BIKOREWE MU MIRYANGO



ICYO AYA MABWIRIZA AGAMIJE

- ✓ Kunoza ibijyanye no gutegura ibiribwa, kwenga, kubika no kunywa ibinyobwa gakondo bikorewe mu rugo, harimo *ubushera, ikigage, umutobe, urwagwa* n'ibindi binyobwa bya gakondo.
- ✓ Gukumira ibiribwa n'ibinyobwa bihumanye bishobora gutera indwara, ubumuga, cyangwa urupfu bifatanye isano n'ibiribwa cyangwa ibinyobwa gakondo byanduye.



ABO AGENEWE

Abatunganya ibiribwa n' ibinyobwa, abanywa ibinyobwa gakondo byengewe mu ngo, n'abakenera kubikoresha mu birori cyangwa iminsi mikuru.

Icyitonderwa:

Aya mabwiriza ntareba abakora ibinyobwa cyangwa ibiribwa bagamije ubucuruzi.

Abari muri iki cyiciro bagomba gukurikiza amabwiriza y'ubuziranenge atangwa n'inzego zibishinzwe.

IMIKORESHEREZE Y'IBIKORESHO



IBYEMEWE GUKORESHWA

- Amazi meza, yasukuwe cyangwa atetse.
- Ibinyampeke bimeze neza, bidafite uruhumbu cyangwa imiti yica udukoko ikoreshwa mu guhungira imyaka (Dedeti).
- Ibitoki, imbuto n'ubuki bimeze neza.
- Ibikoreho bibitswe ahantu hasukuye, humutse, hatarimo udukoko, imbeba, inyenzi, n'ibindi byanduza.



IBITEMEWE GUKORESHWA

- Alukolo zo mu nganda n'ibinyabutabire birimo methanol.
- Lisansi n'ibindi biri mu bwoko bwayo byose.
- Imiti n'ibiyobyabwenge bihindura umwimerere w'ibinyobwa (mugo, urumogi, umubirizi, idoma, kokayine, itabi, rwiziringa n'ibindi).
- Alukolo bogesha mu ntoki, cyangwa imiti isukura mu mutwe nyuma yo kogosha.
- Ibikoreho by'ibanze byashaje (ibitoki, amasaka, ibigori...), ibitaka, cyangwa amatafari.
- Imisemburo y'inganda nk'iyi mu bwoko bwa pakamaya, revile n'ibindi.

IBY'INGENZI MU KWIRINDA IHUMANA RITURUKA KU BIRIBWA N'IBINYOBWA BYANDUYE



ISUKU Y'IBIKORESHO N'INYUBAKO (AHAKORERWA)

- Karaba intoki ukoresheje amazi meza ndetse n'isabune mbere yo gutunganya ibiribwa n'ibinyobwa, nyuma yo gukora ku biribwa bibisi, nyuma yo kuva ku musarane na nyuma yo gukora ahantu handuye.
- Koresha ibikoresho bifite isuku mu gutegura ibiribwa n'ibinyobwa.
- Sukura neza ahatunganyirizwa ibiribwa n'ibinyobwa mbere na nyuma yo kubitunganya.



GUTANDUKANYA IBIRIBWA NGO BITANDUZANYA

- Tandukanya ibiribwa bibisi n'ibihiye kugira ngo bitanduzanya.
- Tandukanya inyama z'umweru n' izitukura.
- Bika ibiribwa ukurikije ubwoko bwabyo.
- Ibiribwa byangirika vuba bihahwa uwo muni iyo udafite firigo.



GUTEKA NEZA IBIRIBWA BIGASHYA KU BUSHYUHE BWAGENWE

- Tekka ibiribwa bishye neza ku kigero cyo hejuru ya dogere selisiyusi 100.
- Ibiribwa bagabura bishyushye bigomba kuba biri hejuru ya dogere 60 naho ibyo bagabura bikonje bikaba biri muni ya dogere selisiyusi 5.
- Ibiribwa byatetswe bigaburwa bitarengeje amasaha abiri kuva bihiye, cyangwa bikabikwa mu bikoresho bituma bigumana ubushyuhe, kugira ngo hatabaho ukororoka kwa mikorobe zangiza ibiribwa zikanatera uburwayi ababiriye.
- Genzura neza ko ibiribwa bitangiritse kandi bitarengije igihe



GU KONJESHA IBIRIBWA KU GIPIMO GIKWIYE

- Ibiribwa bibikwa ukubiri : Ibishyushye bigomba kuba ku gipimo kiri hejuru ya 60°C naho ibibikwa ku gipimo cy'ubukonje, bugomba kuba buri muni ya dogere selisiyusi 5.
- Ibiribwa n'ibinyobwa byangirika (inyama, amafi, imboga n'ibindi) ntibigomba kurenza amasaha abiri ku bukonje bwo hanze (dogere 30 C). Bigomba gushyirwa muri frigo



ISUKU Y'ABATUNGANYA IBINYOBWA, IBIKORESHO, N'AHU BITUNGANYIRIZWA

- Ambara imyambaro yabugenewe
- Irinde gutunganya amafunguro cyangwa ibinyobwa igihe ufite indwara zanduzwa.
- Isuzumisha indwara zanduzwa (igituntu, indwara z'umwijima) buri mezi 6.
- Kuramo imirimbo yo ku ntoki no ku maboko nk'impeta, isaha, imiringa n'ibindi mu gihe utunganya ibiribwa cyangwa ibinyobwa.
- Karaba neza intoki ndetse n'umubiri wose ukoresheje amazi meza n'isabune mbere yo kwenga cyangwa gutunganya ibinyobwa.
- Sukura ibikoresho mbere na nyuma yo kubikoresha, kandi ubibike kure y'amatungo, n'aho bishobora kwanduzwa n'ivumbi, udukoko cyangwa se n'ibindi bihumanya.
- Kurikiza uburyo n'inzira gakondo zizwi, wirinda icyahungabanya ubuziranenge bw'ibinyobwa.
- Irinde kuvanga ibinyobwa bishaje n'ibishya kugira ngo bigumane umwimerere wabyo.
- Bika ibinyobwa kure y'abana.



KWIVUZA HAKIRI KARE

Ihutire kujya kwa muganga igihe ubonye ibi bimenyetso nyuma yo gufata amafunguro cyangwa ibinyobwa bihumanye:



Kuruka cyangwa guhitwa



Kubabara mu nda



Kunanirwa guhumeka



Isereri no kubabara umutwe



Gucika intege mu mavi



Gutakaza ubwenge

GUSABA UBURENGANZIRA BWO GUTUNGANYA IBINYOBWA GAKONDO BIKORESHWA MU BIRORI CYANGWA IMINSI MIKURU

1. Kumenyesha Komite y'Ubuzima

Umuntu ukeneye uruhushya yegera Komite y'ubuzima ku mudugudu akayimenyesha icyo ibinyobwa yifuza gutunganya bizakoresheka, aho bizakoresheka n'abateganyijwe kubihabwa.

Komite y'Ubuzima ku mudugudu igizwe n'aba bakurikira:

- Umukuru w'umudugudu
- Umwe mu bajyanama b'ubuzima
- Ushinzwe umutekano

Iyi komite ishyiraho igitabo yandikamo amakuru ku busabe, ibyo babonye mu bugenzuzi, n'abo bemereye gutunganya ibinyobwa gakondo.

2. Igenzura

Komite isuzuma kandi ikanagenzura ibizakoreshwa mu kwenga, uburyo bwo bwo kwenga, n'isuku y'ibikoreshe n'iy'ahazatunganyirizwa ibinyobwa.

3. Kwemeza

Komite yemeza niba amabwiriza yose yarakurikijwe neza.

4. Uruhushya

Komite itanga uruhushya rukoreshe inshuro imwe gusa ku kinyobwa cyarusabiwe.

